

Message du 20 mars 2014 – Eglise saint Roch.

Bavandimwe, Yezu akuzwe! Iteka ryose!

Nitwongere twibuke! Yezu amaze gusubira mu ijuru, Bikira Mariya yasigaranye n'abasaserdoti ba mbere abafasha gushinga Kiliziya. No kugeza ubu Kiliziya na Bikira Mariya ruhora rugeretse , ntawe usiga undi.

N'ubu, inyongezo yo kuboneka kwa Bikira Mariya kw'isi , ni inyandiko nyinshi abakuru ba Kiliziya bandika kuli Bikira Mariya. Nguko uko byagenze i Kibeho n'ibivugwa mu mateka yaho.

Yezu iyo abonye isi imeze nabi abanza kuyoherezaho Nyina Bikira Mariya kugirango Ubutatu Butagatifu bubanze buyimuboneho , acubye ubutabera bw'UHORAHU maze ayakire imbabazi.

Nkuko Imana yashatse gukiza kiremwanuntu ikoheraza Umwana wayo bwite ikamunyuzwa muli Bikira Mariya, niko kiremwanuntu nawe agilirwa imbabazi vuba iyo ahungiyeye kuli Bikira Mariya.

I Kibeho Bikira Mariya yaragize ati "isi yagize amahirwe jye mbanza kuyizaho. Naho iyo Yezu aza mbere yanjye ntacyali gusigara ! Kubera ko Yezu ali Imana nka SE, yuzuye imbabazi n'ubutabera , abo ku isi, yari ku bakubita iminyafu bakalira!

Ngiyi impamo y'ukuri dusanga mu marenga ya Bikira Mariya abwira ab'i Kibeho ko Yezu atari kure ye aliko ko igihe cye kizagera bikagaragara.

I Kibeho, Bikira Mariya akihasesekara ubutumwa yatanze ni ubwo kwihana no gusenga hakiyongera n'ubwo GUFASHA YEZU GUKIZA ISI, cyane cyane tuyisabira kuli Nyina kugirango ayigobotore imbabazi z'Uhoraho.

Ubwo butumwa ntibwari amagambo avugwa gusa ahubwo bwari ubwo gushyirwa mu bikorwa , nkuko byagaragaraye mu mibereho y'abana benshi babonekewe i Kibeho , aha twavugaga nka Nathaliya Mukamazimpaka, Emmanuel Segatashya , Yozefa Mukamana , Agnès Agnès Kamagaju, na Valentine Nyiramukiza.

Koko rero , kenshi na kenshi byakunze kugaragara cyane mu gihe k'igisibo giteganywa na Kiliziya ubwo abana basabwaga kubaho mu mibabaro ishushanya ububabare Yezu yanyuzemo kugeza ubwo amanitswe ku giti cy'umusaraba , akadupfira ku bushake bwe kugirango twese turokoke Umuvumo twakururiwe n'abakurambere bacu Adamu na Eva.

Abo bana bategekwe na Bikira Mariya na Yezu kubaho ubuzima bukarishye: kurara hasi kuli sima hakonje nta cyo umuntu yambaye, kumara iminsi n'iminsi irenga 10 batarya batanywa, kubabazwa bishushanya imibabaro Yezu yagize kwitura hasi amaboko aboheye inyuma n'ibindi.

Kuva Bikira Mariya yabonekera Alfonsina Mumureke umwana wa mbere i Kibeho mu mwaka

w'i 1981 kugeza ubu, abagiye yo ndetse n'abasoma ibyanditswe i Kibeho bemeza ko itariki ya 20 /03 buli mwaka Yezu na Bikira Mariya inshuti ntatana zitari zica na rimwe umugambi wo kuza kuganiliza umwe cg benshi muli ba bana babonekerwaga.

Magingo aya , amateka y'iby'amabonekerwa y'!i Kibeho amaze kuba maremare. Si aba kera gusa babihagazeho kuko n'ab'ubu babibonesha amaso ndetse bakanabyiyumvira buli mwaka kuli iyi tariki ya 20/03 , ibyo bigashyikira umwe mu bana bazwi batangiliye ku bonekererwa i Kibeho, aliwe Valentine Nyiramukiza.

Ubu imyaka ibaye ndetse irenze 22 n Yezu na Bikira Mariya bamutegeka kumara iminsi 12 atarya atanywa, ndetse akanababazwa no ku bundi buryo bwinshi bunyuranye, ibyo byose bikamubaho byuzuzwa ubutumwa bw,ibyavugiwe i Kibeho.

Iyi tariki rero duhimbaza ya 20/03, izilikanwa na benshi ku isi yose, cyane cyane ikanyura abageze i Kibeho ku gicumbi gikuru kuko bahabonye byinshi bilimo amabonekerwa Yezu yagiliraga abana i Kibeho. Iyi tariki kandi irazilikanwa ku isi yose, cyane cyane n'abali ku gicumbi i Bruxelles babitewe n'amagambo Bikira Mariya yahavugiye ku itariki ya 15/05/2002 mu ibonekerwa Nyiramukiza Valentine yagiliwe na Bikira Mariya.

Bikira Mariya yabwiye abali balijemo amagamb akulikira:

« Bana banjye, mfite agahinda kenshi aliko katali cyane. Kuko natangajwe no kumva bavuga ko naje kubasura iwanyu mu Rwanda maze bakibagirwa ko nta gihe nigeze ntandukana n'Umwana wanjye. Bakibagirwa kumuha uruhare rukomeye muli uwo mwanya kandi atarasibye kubasura. Ndetse bakaba bahanaguraho n'igihe yahaziraga, n'igihe yabasuriye. Birababaje kumva wihakana inshuti yagusuye, ukayakira byagera nyuma ukavuga ko ntayo wabonye. Ntabwo nigeze nza jyenyine. Sinjya ntana n'umwana wanjye. Musenge, musabe, ukuli kuzaboneka kandi nkuko Yezu yabasuye, ntimugatinye kuvugisha ukuli. Nkuko mudatinye gusebanya, ntimugatinye kuvuga uwo mukunda. Munyumve neza, nabyo mutabitwara ukundi : abenshi b'andi madini atereye ku mpande, ntibatinye kubahiriza idini yabo aliko mwebwe mutinya kubahiliza iyanyu ngo batabaseka cyangwa bakababona. Biteye agahinda kumva mwihakana uwabapfiriye n'ubu akibaruhira. Ariko ndabamenyesha ko akibakunda kandi azakomeza kubakunda. Nongere nsubiremo : birababaje kumva bemeza ko Umubyeyi Bikira Mariya - nivuze mu izina - yaje kubasura mu Rwanda aliko Yezu ntahagere. None se mwabonye hali igihe natandukanye n'umwana wanjye ? Ndetse n' i Kaana warajyanye. Ni we mushumba, ntimugatinye kubibwira n'abatabizi kuko yarabasuye. No kuba mukiliho ni uko yaciye inkoni izamba. Bana banjye, mbasabye gukundana. Mbasabye gusabana mukagirana inama. Mbasabye rwose kugerageza mukicisha bugufi. "..... Ndongera kubibutsa kuko mbona musa n'aho mwibagirwa ko Umwana wanjye yabasuraga ku itariki 20 z'ukwa 3 buli mwaka. Ali byo bitigeze byemezwa ko yaje ndetse hali n'abandi baba batabizi. Aliko namwe ndabagaya kuko mutajya muwubahiliza. Musonga mu batabyemera nk'aho namwe mutabyibuka. None se mwagiye kureba iki ? Mwasangaga nde, mwazindukaga mugiyeye

gukora iki ? N 'ubwo yasezeye, aliko murahorana.Singombwa ko muhaguruka ngo mukore urugendo aliko abibuka uwo muni bakavuga isengesho ni bake. Mbese bakamusaba nkuko bamusabaga ali i Kibeho ». (2002)

Ngiyi imvo n'imvano y'igituma abakristu bose bazi kandi bemera iby'amabonekerwa y'i Kibeho iyi tariki ya 20/03 buli wa mwaka ari itariki itazibagirana mu buzima bwabo.

Murakoze.

Nsengimana Callixte.